REPUBULIKA Y'U RWANDA

PEREZIDANSI YA REPUBULIKA

RAPORO IHINNYE Y'INAMA YA KANE Y'IGIHUGU Y'UMUSHYIKIRANO

18-20 December 2006

REPUBULIKA Y'U RWANDA

PEREZIDANSI YA REPUBULIKA

RAPORO IHINNYE Y'INAMA YA KANE Y'IGIHUGU Y'UMUSHYIKIRANO

18-20 Ukuboza 2006

I.INTANGIRIRO

Inama ya Kane y'Igihugu y'Umushyikirano yateranye kuva ku itariki ya 18 kugera ku ya 20 Ukuboza 2006, mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko, iyobowe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Paul Kagame.
Yahuje abantu 800 bahagarariye Inama Njyanama za buri Karere n'Umujyi wa Kigali, abagize Guverinoma, Inteko Ishinga Amategeko (imitwe yombi), Abakuru b'Intara n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, abahagarariye inzego z'Ubucamanza n'iz'Umutekano, abikorera, abahagarariye Sosiyete Sivile (amadini n'indi Miryango Itegamiye Leta), abahagarariye abanyarwanda baba mu mahanga (Diaspora), abayobozi b'ibyiciro binyuranye batumiwe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika.

Iyi nama ya Kane y'Igihugu y'Umushyikirano yahujwe kandi n'Inama Nkuru ya Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge n'umuhango wo kuvuga ibigwi by'imihigo y'umwaka wa 2006 no kwakira imihigo y'uwa 2007 by'Uturere n'Umujyi wa Kigali.

II. INTEGO Z'INAMA

Iyi nama yari igamije:

1. Kugezwaho raporo y'uburyo imyanzuro yavuye mu Nama ya Gatatu y'Igihugu y'Umushyikirano yashyizwe mu bikorwa;
2. Kungurana ibitekerezo ku nshingano z'ubuyobozi mu kuyobora no gukoresha neza umutungo, kuri Gacaca n'umutekano w'abacitse ku icumu n'abatangabuhamya;
3. Kurebera hamwe aho tugeze mu Bumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda no mu ishyirwa mu bikorwa rya Vision 2020;
4. Kuvuga ibigwi by'imihigo y'umwaka wa 2006 no kwakira imihigo y'uwa 2007 by'Uturere n'Umujyi wa Kigali.

III. UKO INAMA YAGENZE

Inama yatangijwe ku mugaragaro na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Paul Kagame.
Mu ijambo rye (reba umugereka wa mbere), Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yasabye ko, mu nama nk'iyi, n'abanyamahanga batera inkunga u Rwanda bazajya baturmirwa, bakamenya ibihavugirwa kuko atari ibanga.

Yakomeje avuga ko, kuri gahunda y'iyi nama hariho ibisanzwe biganirwa mu Nama y'Umushyikirano, hiyongereyeho ibirebana n'ubumwe n'ubwiyunge by'Abanyarwanda, raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo y'uyu mwaka wa 2006 Abayobozi b'Uturere basinyanye na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, ndetse n'Imihigo y'uwa 2007.

Yibukije ko:
- Igihugu cyacu kirangwa n'amahoro, ubumwe n' umutekano;
- Igihugu cyacu cyubahiriza uburenganzira bwa muntu, kikagira n'imiyoborere myiza;
- U Rwanda ari igihugu kiyobowe neza, gifite demokarasi;
- Ibyo bikwiye guha umunyarwanda agaciro ke agomba gukomeza guharanira, kugira ngo hatagira ugahungabanya.

Yibukije kandi ko:
- Ibyo tumaze kugeraho ari byinshi;
- Dukwiye kwima amatwi abifuza ko twahama mu bujiji, mu bukene no mu mwiryane kubera inyungu zabo;
- Bene abo badukoresha nk'ibyo, bakoresha bamwe mu banyarwanda batagira agaciro.

Yagarutse ku bibazo abifuza ko twahama mu bujiji bakunze kuvuga, nk'ibijyanye na "political space", bumva ko hari abatagira ijambo mu miyoborere y'Igihugu cyacu, asaba abagize inama kuza kugira icyo babivugaho, avuga ko Itegeko Nshinga n'andi mategeko Igihugu kigenderaho ndetse n'izindi nzego ziriho biha buri munyarwanda wese ijambo, ubwisanzure n'uburenganzira busesuye.

Yongeyeho ko ibyo bisa n'ibindi twishyiriyeho, nk'Inkiko Gacaca, Imihigo, n'ibindi usanga abanyamahanga batumva, kubera ko bitari mu mitekerereze yabo.

Yasabye ko hategurwa ibitabo cyangwa ubundi buryo bwo gusobanura imikorere Igihugu cyacu kigenderaho.

Yishimiye ko u Rwanda rufite umutekano, wo shingiro rya byose; ariko avuga ko umutekano atari ukutaba mu ntambara gusa, ko ahubwo iyo hari abashonje, abativuza cyangwa se abadafite icumbi, ntawavuga ko bawufite; ko bene ibyo bibazo bizakemurwa n'ingamba twafashe zo kuvana abantu mu bukene.

Yasabye inzego zose bireba guhagurukira umutekano w'abacitse ku icumu, abatangabuhamya n'Inyangamugayo z'Inkiko Gacaca; abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'abaturanyi badatabara bose bagomba kubibazwa.

Yakanguriye Abanyarwanda bose kwita ku bindi bibazo bitwugarije ari byo: isuri yangiza ubutaka, umuvuduko ukabije w'ubwiyongere bw'abaturage, icyorezo cya SIDA n'ibindi; avuga ko byose bizakemuka hitaweho gukoresha ikoranabuhanga mu byo dukora byose.

Yibukije ko, mu mihigo yacu, tugomba kugaragaza uko tuzabungabunga ibidukikije, uko tuzafata neza amazi n'ubutaka, ndetse n'uko tuzatura mu midugudu, kuko ari bwo buryo bwo gukemura ikibazo cy'imiturire mu Gihugu cyacu.

Yashoje ijambo rye yibutsa ko:

- Muri iyi nama haza gusuzumwa aho tugeze mu bumwe n'ubwiyunge, aho imihigo y'Uturere yatugejeje muri uyu mwaka, hakazarebwa uwarushije abandi, ariko bigakorwa mu bufatanye kandi nta gukorera ijisho cyangwa gufindafinda ibidatunganye;
- Abanyarwanda dukwiye kuva mu magambo gusa, ahubwo tugashyira imbere ibikorwa;
- Abaje mu nama bagomba gutanga ibitekerezo mu bwisanzure kandi bavugisha ukuri.

Nyuma y'ijambo ritangiza inama, hakurikiyeho raporo ya Minisitiri w'Intebe igaragaza ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama ya Gatatu y'Igihugu y'Umushyikirano. Iyo raporo ishingiye kuri gahunda ya Guverinoma, igaragaza ibyagezweho mu rwego rw'Imiyoborere myiza, Ubukungu, Ubutabera n'Imibereho myiza.

Minisitiri w'Intebe yagaragaje ko hari byinshi byagezweho; ariko ko hakiri ibikwiye kongerwamo ingufu nko mu gukemura ibibazo by'ubutabera, mu bukungu no mu mibereho myiza y'Abanyarwanda.

Yashoje raporo ye ashimira abakoranye umwete, asaba abazaririye kwikubita agashyi.

Abari mu nama bamaze kungurana ibitekerezo kuri raporo ya Minisitiri w'Intebe, hatanzwe ibiganiro bikurikira:

1. Umuvunyi Mukuru yagejeje ku bari mu nama ikiganiro gikubiyemo inshingano z'ubuyobozi; naho Uwungirije Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta yabagejejeho ibirebana n'imikoreshereze y'imari n'umutungo bya Leta, yibanda cyane cyane ku Turere.
2. Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, yerekanye aho twavuye, aho tugeze, inzitizi ziriho n'ingamba urwo rwego rwafashe.
3. Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi yagejeje ku nama aho u Rwanda rugeze mu ishyirwa mu bikorwa ry'Icyerekezo cya 2020, azirikana ikibazo cy'ubwiyongere bw'abaturage mu iterambere ry'Igihugu.
4. Minisitiri w'Ubutaka, Ibidukikije, Amashyamba, Amazi na Mine yagejeje ku nama ingamba ziriho zo kurengera ibidukikije.
5. Minisitiri w'Ubutabera na Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu batanze ikiganiro ku Nkiko Gacaca n'umutekano w'abacitse ku icumu n'abatangabuhamya.
6. Dr MUSAHARA yatanze raporo y'isuzumwa ry'ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo ya 2006 (independent evaluation/ OSSREA).

7. Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza y'Abaturage, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'abaturage yahaye inama Abayobozi b'Uturere ku mihigo biyemeje.

Ibiganiro biranglye Abayobozi b'Uturere n'Umujyi wa Kigali bivuze ibigwi ku mihigo y'umwaka wa 2006, bavuga imihigo y'uwa 2007 baranayisinyira.

Mu bwisanzure busesuye abitabiriye inama bunguranye ibitekerezo ku ngingo zari kuri gahunda, bafata imyanzuro ikurikira:

IV.IMYANZURO

A. Mu rwego rw'Imiyoborere Myiza

1. Ku bijyanye na "Political space": kwima amatwi abashaka kuturangaza, ariko bagasobanurirwa imikorere yacu Ishingiye ku Itegeko Nshinga n'andi mategeko.
2. Kunoza gahunda y'umuganda cyane cyane mu Mujyi wa Kigali, igashingirakuigenamigambirinoze, Abanyarwanda bagashishikarizwa kuwitabira, abatawujyamo bagacibwa amande.
3. Gufatira ingamba abayobozi batarangiza inshingano zabo, bavuga ko babwira abaturage ntibumve cyangwa banga kwiteranya.
4. Gushyira gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge mu Mihigo y'Uturere no mu zindi gahunda z'Igihugu.
5. Guhugura abashinzwe ibya " statistics" mu Turere.
6. Za Minisiteri, Ibigo bya Leta, Imishinga n'Uturere byasabwe gutanga raporo z'imikoreshereze y'ingengo y'imari yabyo, kandi zikayitangira ku gihe.
7. Guhagurukira ikibazo cy'ubumwe n'ubwiyunge mu Banyarwanda baba ku mugabane w'Uburayi, bagafashwa mu kurwanya amacakubiri aharangwa.
8. Gushakira inkunga ihuriro ry'abanyarwanda baba ku mugabane w'Uburayi rizaba muri Werurwe 2007.
9. Kongerera ubushobozi no kubonera ibikoresho inzego z'Imirenge n'Utugari.
10. Ibitekerezo inama yatanze kuri raporo yakozwe ku

Mihigo y'Uturere ya 2006, bigamije kugorora imyumvire idahuje n'intego zayo, bizashyirwa muri raporo ya nyuma (Final Report) izatangwa.

B. Mu rwego rw'Imibereho Myiza y'Abaturage.

11. Kunononsora gahunda ikurikizwa mu gutanga inyigisho na buruse, bigatangwa hakurikijwe igenamigambi mu iterambere ry'Igihugu cyacu, kandi hakabaho ubufatanye (coordination) bw'inzego (sectors) zose bireba.
12. Gufata ingamba zihamye zo kurangiza vuba ikibazo cyo kubonera amacumbi abacitse ku icumu no gukemura ikibazo cy'ihahamuka kikigaragara mu Gihugu cyacu.
13. Gukomeza gusobanurira abadufasha mu burezi, kugira ngo batubure inkunga batanga yo kongera umubare w'abanyeshuri biga mu mashuri makuru n'ibikoresho bikenewe.
14. Kwagura porogaramu y'iyakure (distance learning/ enseingement à distance) ikagera ku barimu benshi mu rwego rwo kuzamura "quality/qualité " mu burezi.
15. Kurangiza ikibazo cy'itangwa ry'inzuri muri Gishwati.
16. Kubonera abaturage bisi ihuza Akarere ka Nyabihu n'aka Rubavu.

C. Mu Rwego rw'Ubutabera.

17. Kwita ku mutekano w'abacitse ku icumu, abatangabuhamya, inyangamugayo z'Inkiko Gacaca; ahagaragaye umutekano muke, Abayobozi b'Inzego z'Ibanze, ndetse n'abaturanyi badatabara bakabihanirwa.
18. Gutegura umushinga w'Itegeko rihana ibyaha bifitanye isano n'ingengabitekerezo ya jenoside.
19. Gukurikirana ikibazo cy'umwana Hagenimana Jean Claude, wo mu Karere ka Rutsiro; uwamukubise wese bikamugiraho ingaruka.

D. Mu rwego rw'Ubukungu.

20. Gufata ingamba ku bibazo bihora bigaruka mu mikoreshereze mibi y'Umutungo n'Imari bya Leta kugira ngo bitazongera, abatikosoye bikabagiraho ingaruka.

21. Gufata ingamba zo kurinda umutungo w'abazigama mu bigo by'imari iciriritse, hakemererwa gusa gukora ibigo bikurikije amategeko.
22. Gushakira umuti ikibazo cy'ubwiyongere bw'abaturage, kugira ngo kitazatubuza kugera ku iterambere twiyemeje.
23. Kongera umusaruro n'agaciro by'ibyoherezwa ku isoko mpuzamahanga, ari ibikorerwa mu nganda, ibikomoka ku buhinzi, ubworozi, ubukorikori n'ibindi.
24. Kwihutisha gahunda yo guturra mu midugudu, hakabaho igihe ntarengwa cyo kuyishyira mu bikorwa.
25. Kongera ingufu mu kurwanya isuri twita ku bidukikije, dutera amashyamba menshi, dukora amaterasi y'indinganire, dufata neza amazi y'inzuzi n'ibiyaga, kandi tubika amazi y'imvura.
26. Gushyiraho amabwiriza ajyanye n'imyubakire itangiza ibidukikije.
27. Kuvugurura imikorere y'amakoperative, no kubonera inguzanyo, ku buryo butaruhije, abahinzi n'aborozi bayibumbiyemo.
28. Gufasha ishyirahamwe ry'abahinzi bo mu Karere ka Ngororero kubona imodoka ibafasha kujyana ku isoko umusaruro wabo wa marakuja.
29. Kuvugurura gahunda zo mu buhinzi n'ubworozi, ku buryo zahuzwa na gahunda y'Imihigo n'iy'Ishoramari.
30. Gushishikariza abikorera gushora imari mu Turere mu rwego rwo guhanga indi mirimo itari iy'ubuhinzi.
31. Kwihutisha ikorwa ry'igishushanyo mbonera cy'imikoreshereze y'ubutaka.
32. Kwihutisha kubonera koperative y'abarimu amazu yo gukoreramo ku rwego rw'Akarere.
33. Gushakira umuti ikibazo cy'abahinzi b'ibireti.
34. Muri gahunda ya « Gira Inka »: Gutanga inka ziteye intanga.

E. Mu rwego rw'Imihigo

Inama ya Kane y'Igihugu y'Umushyikirano yashimye imikorere myiza ishingiye ku mihigo.

V. UMUSOZO

Nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 168 y'Itegeko Nshinga, Inama y'Igihugu y'Umushyikirano iterana nibura rimwe mu mwaka igasuzuma ibibazo by'ingeri zose by'Abanyarwanda, harimo n'ibyerekeye uko Igihugu n'ubuyobozi bw'ibanze bumeze, ndetse n'ibyerekeye ubumwe bw'Abanyarwanda.

Muri iyi nama ya Kane, abanyarwanda bari bahagarariye abandi barimo na Diaspora, barabajije, batanga ibitekerezo n'ibyifuzo ku bijyanye n'inshingano z'ubuyobozi mu kuyobora no gukoresha neza umutungo (Leadership and Accountability), ku byerekeye Gacaca n'umutekano w'abacitse ku icumu n'abatangabuhamya.

Iyi nama yerekanye aho twavuye n'aho tugeze mu bumwe n'ubwiyunge by'Abanyarwanda, yatumye kandi hamenyekana inzitizi n'ingamba zo kuzivanaho kugira ngo urugamba rwo kunga Abanyarwanda rukomeze.

Na none, ibitekerezo bikubiye mu Cyerekezo cya 2020 ntibikiri amagambo gusa, kuko muri iyi nama herekanywe aho u Rwanda rugeze mu kubishyira mu bikorwa, hazirikanwa ikibazo cy'ubwiyongere bw'abaturage n'icyo kurengera ibidukikije mu iterambere ry'Igihugu cyacu.

By'umwihariko, iyi nama yabaye urubuga Abayobozi b'Uturere n'Umujyi wa Kigali bavugiyemo ibigwi ku mihigo y'umwaka wa 2006 n'imihigo y'uwa 2007.

Muri iyi nama no mu zindi zayibanjirije, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yakomeje kwibutsa Abanyarwanda ko batagomba guterwa ubwoba n'ibibazo, ko ahubwo bagomba gukora ibishoboka ku buryo babyikemurira, bava mu magambo bajya mu bikorwa, bakora umurimo unoze, bihutisha amajyambere, bima amatwi abatifuza ko batera imbere.

IMIGEREKA

UMUGEREKA WA MBERE

IJAMBO RYA NYAKUBAHWA PEREZIDA WA REPUBULIKA, KAGAME PAUL, MU MUHANGO WO GUTANGIZA INAMA YA KANE Y'IGIHUGU Y'UMUSHYIKIRANO,

Kimihurura, Ingoro y'Inteko Ishinga Amategeko, 18 Ukuboza 2006

Nyakubahwa Perezida wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite;
Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe;
Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga;
Banyakubahwa Baminisitiri n'Abanyamabanga ba Leta;
Banyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;
Bayobozi muhagarariye Inzego z'Ibanze;
Batumirwa mwese;Banyarwanda;
Banyarwandakazi.

Ubundi iyi nama iba ikwiriye gutumirwamo n'abandi batari Abanyarwanda. Nahoze mbaza impamvu n'abandi batuye mu Rwanda bose badatumirwa ngo bahagararirwe, ariko sinabonye ubinsobanurira.
Ibintu tuvugira hano ubundi ni byiza ko n'abandi batari Abanyarwanda babyumva. Ubu ndibugire ikibazo cyo kubwira abantu badahari, kuko harimo abadutera ibibazo, nkaba nagira ngo mbavuge turebana.
Ibintu tuganira hano ni ibintu bireba Igihugu, nta banga ririmo.

Ubu rero tukaba twongeye guhurira hano, ku nshuro ya kane mu Nama y'Igihugu y'Umushyikirano. Mboneyeho umwanya ngo mbanze nongere mbasuhuze kandi mbashimire uko dufatanije kubaka Igihugu cyacu.

Uyu mwaka hari hateganyijwe inama ebyiri: iy'Umushyikirano, iterana buri mwaka, n'iy'Ubumwe n'Ubwiyunge, iba rimwe mu myaka ibiri.
None twahisemo kuzihuriza hamwe kubera ko n'ubusanzwe

ibyo Inama y'Igihugu y'Umushyikirano igomba gusuzuma, harimo n'ibyerekeye Ubumwe n'Ubwiyunge.
Nk'uko mubyibuka, mu nama y'ubushize, twageze ku myanzuro myinshi, tukaba turi busabe Minisitiri w'Intebe kutugezaho mu magambo avunaguye uburyo iyo myanzuro yashyizwe mu bikorwa.

Muri iyi nama, hateganyijwe ko dusuzuma ingingo nkuru esheshatu, zerekeranye n'imiyoborere myiza; aho tugeze mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge;
Inkiko Gacaca; imibereho myiza n'ubukungu; tukaza no guhabwa raporo y'isuzuma ry'ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo y'uyu mwaka w'i 2006, no kumvikana ku mihigo y'umwaka w'i 2007.

Biragaragara ko izi ngingo zose zifite uburemere.
Nkaba mbasaba gutanga ibitekerezo mu bwisanzure, kandi abantu bakavugisha ukuri kuri izi ngingo zose.
Abayobozi duteraniye hano twese, tugomba gufatanya gusuzuma aho tugeze, dushyira mu bikorwa ingamba n'imihigo twiyemeje, bishingiye ku Gihugu twifuza kubaka.
Banyacyubahiro mwese muteraniye hano;
Igihugu tuvuga ni igihugu kirangwa n'amahoro, Abanyarwanda bashyize hamwe, uburenganzira bwa buri wese, iterambere n'imibereho myiza, imiyoborere myiza, bishingiye ku mikorere ya demokarasi.

Byose bigamije guha Umunyarwanda agaciro akwiriye.
Abanyarwanda baharaniye gusubirana agaciro, kandi dukwiriye gukomeza kugaharanira, ntihagire igihungabanya umutekano w'Umunyarwanda uwo ari we wese.
Murabizi hari abantu bifuza ko twahama mu bujiji, ubukene n'umwiryane kuko bamwe babyungukiramo, cyangwa se abenshi bakifuza guhora babona abo batunze, abo bagirira neza.
Ibi bikunze kuba aho abo benegihugu baba barataye ka gaciro tuvuga Abanyarwanda bakwiriye.
Ubu rero, intambwe yo kwisubiza agaciro tumaze gutera ni ndende, kandi igomba gukomeza.
Ni yo mpamvu abayobozi twese duteraniye hano tugomba

gukora ibishoboka byose ngo imyumvire n'imikorere bikomeze kuganisha muri iyo nzira yo kubaka, tugatera imbere nk'ibindi bihugu muzi.
Ibyo tumaze kugeraho ni byinshi, bikwiye kudutera imbaraga, tukima amatwi abatarumva neza iyi mpinduramatwara ituganisha mu iterambere.
Kandi abantu bakwiriye kumva ko ibyo duhora tuvuga twifuza bishoboka, kuko hari ibimaze kugerwaho.
Ndagira ngo rero mbasabeibintu bimwe bikunze kuvugwa, tujye tugira umwanya wo kubisuzuma, nibiba byo tuzashake uko tubikemura:

Nk'ikintu bita 'political space' gisigaye cyarabaye Ikinyarwanda, ariko ubundi ni Icyongereza, kivuze ko hari abantu batagira ijambo mu miyoborere y'Igihugu cyabo.
Ibi cyane cyane bivugwa n'abanyamahanga, ariko kandi bikomoka ku Banyarwanda bamwe.
Nyamara njye nzi ko twahisemo inzego zigamije guha buri Munyarwanda wese ijambo, akagira ubwisanzure, kandi akamenya inshingano ze n'uburenganzira bwe.
Njye numva hari uburyo buri wese agira ijambo, mu bwisanzure umuntu akavuga uko anatekereza, akanakoresha uburyo butandukanye n'ubw'undi, ariko bose bakurikiza amategeko.
Iyo ibyo bihari abantu ntibabikoreshe, baba bafite ikindi kibazo cy'uko badakoresha ubwo burenganzira.

Hari ibibazo bibiri tugomba gusuzuma:
- Hari abantu koko batagira ijambo?
- Cyangwa hari uko abantu bagira ijambo ntibarikoreshe, kuko wenda bataritekereza?

Niba hari nk'uwo muntu udatekereza ijambo, hanyuma wowe ukarimushyiramo, uba ahubwo umuvukije iyo 'space'!
Ukuvugishije ijambo ngo ni uko agutunze, akugaburira, akaguha ijambo umuvugira, nawe aba akubujije 'political space'!
Ndasaba ko muri iyi minsi y'iyi Nama y'Umishyikirano tuzafata umwanya wo gusuzuma icyo kibazo mu bwisanzure, kuko hano hatari kirazira.
Naho abumva Gacaca, Abunzi, Imihigo, n'ibindi bishya

Abanyarwanda bihangiye ubwabo ngo bikemurire ibibazo byabo bwite,
bakabinenga ngo ntitwabivanye mu bitabo byabo, dukwiriye kubima amatwi, tugaha agaciro uwo muco wo gushaka ibisubizo by'ibibazo tugifite, dushingiye ku buryo twumva imiterere y'ibyo bibazo.
N'ibihugu byateye imbere, byabigezeho ari uko bishatse ibisubizo by'ibibazo byabo ubwabo, akenshi byari bifite uburemere nk'ubw'ibyacu.

Banyarwanda;
Banyarwandakazi;
Batumirwa mwese muri hano;

Ubu twakwishimira ko dufite umutekano usesuye mu Rwanda. Murabizi, umutekano ni wo shingiro rya byose, haba iwacu mu Rwanda, haba mu Karere dutuyemo, ndetse n'ahandi muri Afurika. Cyokora ntidukwiye gufata umutekano nk'aho ari ukutaba mu ntambara gusa.
Uwaburaye, utagira kivuza, utagira icumbi ribereye Umunyarwanda, ntiwavuga ko afite umutekano.
Ni yo mpamvu iyo tuvuga imibereho myiza y'Abanyarwanda, tuba tuzirikana uwo mutekano wabo muri rusange.
Ni yo mpamvu, ingamba zafashwe zo gukura abantu mu bukene, zigomba gushyirwa mu bikorwa vuba uko bishoboka.

Twakwishimira kandi ko mu Karere dutuyemo, amahoro agenda asakara, ibyo bikaduha icyizere ko tutazongera guta igihe kinini mu makimbirane atubuza gukurikirana gahunda y'amajyambere.
Ikibazo cy'umutekano muke cyagaragaye ni icy'ihohoterwa ry'abacitse ku icumu, abatangabuhamya n'inyangamugayo za Gacaca.
Iki kibazo ariko nticyakabayeho abayobozi b'inzego z'ibanze bujuje inshingano zabo uko bikwiye, bakarinda umutekeno w'abo Bantu; bafatanyije n'abaturage, bagatabarana nk'uko byahoze mu muco w'Abanyarwanda.

Nkaba nsaba inzego z'ibanze n'izishinzwe umutekano

guhagurukira iki kibazo, zigakora ibishoboka byose ngo umutekano w'uwo ari we wese udahungabana.
Ari ubuyobozi budakemura iki kibazo, ari abaturage bareberera gusa,bose bagomba kubibazwa akandi bakanabihanirwa.
Ku byerekeye imibereho myiza n'ubukungu, turacyafite ibibazo tugomba gukemura. Aha navuga ibyerekeye ubwiyongere bw'Abanyarwanda, imiturire, uko dukoresha ubutaka, ubuhinzi n'ubworozi n'ibidukikije.

Iyo tuvuga ko tugomba kugira imibereho myiza mu Gihugu cyacu, tuba dukwiye no kuzirikana na gahunda dufitiye imiryango yacu, tukabyara abana dushobora kurera uko bikwiye, tukabarinda indwara zirimo ibyorezo nka SIDA, kugira ngo bazabe Abanyarwanda b'ingirakamaro.
Biragaragara ko kwiyongera kw'Abanyarwanda bisumba kure umusaruro wabo, bigatuma batabona ibibatunga bihagije.
Iki kibazo kidakemutse, cyadindiza iterambere twifuza.
Ubutaka budutunze, ndetse n'amazi dukeneye, ntabwo byiyongera.
Buri Munyarwanda agomba kwitabira ibikorwa bigamije gufata neza ubutaka, kubika amazi no kuyafata neza.
Hagomba kandi gushakishwa uburyo bwo guhanga ibikorwa byatunga Abanyarwanda bidashingiye k'ubutaka gusa.

Ibi birasaba ko dukomeza guteza imbere ikoranabuhanga no kongera ubumenyi n'ubushobozi by'Abanyarwanda (human resource and skills development).
Ibi ni ibibazo dukwiye guha umwanya uhagije muri iyi nama, tukabifatira umwanzuro uhamye.
Ibidukikije na byo tugomba kubibungabunga kuko iyo bihungabanye, bigira ingaruka mbi ku mibereho yacu twese, aho twaba turi hose.

Ibi dukunze kubivuga, ariko abantu ntibabona uburemere bw'ibibazo bituruka ku kutabungabunga ibidukikije ku buryo buhagije.
95% by'ibidukikije byangizwa n'isuri. Ibi bikagira ingaruka ku bukungu n'iterambere muri rusange.
Mu mihigo tuvuga, buri Munyarwanda akwiriye kwerekana uruhare yagize n'urwo azagira mu kubungabunga

ibidukikije.

Iyo ubona imisozi yacu ishobora kuba ubutayu kubera gutema amashyamba, ibishanga bikangirika, ibihe bigahindagurika, amazi akandura, cyangwa agakama, byose bikwiriye kuba bitera impungenge buri Munyarwanda wese.
Tugomba rero kubihagurukira, tugakora ibishoboka byose, kugira ngo tutazaraga abadukomokaho Igihugu cyangiritse, batazagiramo uburumbuke.
Ikibazo cy'imiturire twagifatiye ingamba, duhitamo uburyo bw'imiturire bushingiye ku midugudu.
yi gahunda igomba gushyirwa mu bikorwa mu Gihugu hose, kugira ngo ibyiza igamije bigere ku Banyarwanda bose.
Banyarwanda;Banyarwandakazi;
Indi gahunda ikomeye twiyemeje tuzasuzuma muri iyi nama, nk'uko nabivuze mu mwanya, ni ukureba aho tugeze mu nzira y'Ubumwe n'Ubwiyunge.
Nta gushidikanya ko ubumwe n'ubwiyunge bimaze gushinga imizi.

Muri iyi nama ariko dukwiye gusuzuma uko twakomeza kubishimangira, n'aho ibibazo bikiri, tukabishakira umuti.
Iyi nama kandi izasuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'uyu mwaka na gahunda y'imihigo y'umwaka utaha. Aha nagira ngo nibutse imihigo icyo igamije.
Imihigo mu by'ukuri ni imikorere igamije kugaragaza intego abantu baba bihaye, mu gihe runaka, ubushobozi, ubumenyi, n'amikoro bikenewe, noneho hakazaba uburyo bwo gusuzuma uko abantu barushije abandi muri iyo mihigo.
N'ubwo harimo ikintu cyiza cyo kurushanwa, biba bikwiye kumvikana ko hagomba kuba n'ubufatanye. Si ugukorera ijisho, ahubwo ni ukwikorera no gukorera Igihugu cyacu muri rusange.

Bityo rero, iyi gahunda y'Imihigo Abanyarwanda bakwiye kumva ko ari iyabo, bakayishyira mu bikorwa ntaguseta ibirenge. Ntabwo ari Perezida bayikorera, ntabwo ari Minisitiri runaka bayikorera, nta n'ubwo bayikorera gushimisha abaterankunga. Ni gahunda iri mu nyungu z'Abanyarwanda. Ni yo mpamvu ikwiye gukorwa nta gufindafinda, ngo ejo

abantu batazabura icyo bavuga mu ruhame.
Na none, tugomba guhora tuzirikana intego twihaye tugomba kugeraho mu mwaka w'i 2020. Izo ntego icyo zigamije, nk'uko dukunze kubivuga, ni imibereho myiza y'abaturarwanda, ishingiye ku miyoborere myiza n'ubwisanzure mu Gihugu, ubukungu buteye imbere, kandi Abanyarwanda bose bafitemo uruhare n'inyungu, kujijuka, kwirinda indwara, no kwizera ejo hazaza.

Mbere y'uko nsoza, nagira ngo nibutse uburemere bw'iyi nama iba yahuje abantu bangana batya, n'ibyo bahagarariye mu miyoborere y'Igihugu.
Abenshi bateraniye muri iyi nama baba baje baturuka hirya no hino mu Gihugu, ndetse no mu mahanga. Abayobozi b'inzego z'ibanze muri hano, ni mwe muzi ibibazo bya buri munsi by'Abanyarwanda.

Uyu ni umwanya wo kubigaragaza no gufata ingamba zo kubikemura ku buryo bufatika, mufatanyije n'izindi nzego.
Nk'uko nabivuze ubushize, igihe cy'amadisikuru cyarashize. Ubu turi mu gihe cy'ibikorwa bigaragara, kandi bigamije imibereho myiza y'abaturage.

Nkaba ngira ngo rero nsoze, nongera kubashimira mwese kuba mwitabiriye iyi nama, kandi mbashimire mbere y'igihe inama muribujye, mu biganiro biribukurikire.

Murakoze, mugire inama nziza

IJAMBO RYA NYAKUBAHWA PEREZIDA WA REPUBULIKA, KAGAME PAUL, MU MUHANGO WO GUSOZA INAMA YA KANE Y'IGIHUGU Y'UMUSHYIKIRANO .

Kimihurura, Ingoro y'Inteko Ishinga Amategeko, 20 Ukuboza 2006

Nyakubahwa Perezida wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite;
Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga;
Banyakubahwa Baminisitiri n'Abanyamabanga ba Leta;
Banyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;
Bayobozi muhagarariye Inzego z'Ibanze;
Batumirwa mwese;
Banyarwanda; Banyarwandakazi.

Ngira ngo ibirangiye neza biba byagenze neza; ndibwira ko, ubwo, twakwishimira iyi nama; kandi ko ibyo byose byagombaga kuyiganirwamo byagezweho; twakwishimira na none ko imyanzuro yagezweho ari yo abantu bari bayitezemo. Ndagira ngo rero mbanze mbashimire mwese uruhare mwagize.

Ku bijyanye n'imihigo twatinzeho uyu munsi, kandi yari imwe mu by'ingenzi tumazemo iminsi hano, navuga ko, uwatabara yatabarana n'abayobozi bari hano; ubwo ndavuga abo twasinyanye imihigo. Ariko ntitwibagiwe abo duhagarariye, kuko ari bo batuma ibyo byose bishoboka, ari ibyo tumaze kugeraho bishimishije, ari n'ibindi byinshi tubatezeho amaso mu iterambere ry'Igihugu cyacu; ubwo ndagira ngo nshimire Abanyarwanda muri rusange.

Ibyo kandi ndabivuga mu izina ry'abandi bayobozi bari hano na bo, ari abayobozi bari mu nzego z'ikirenga ziyobora Igihugu cyacu bari hano turi kumwe, harimo Abaminisitiri, Abasenateri Abadepite, Abayobozi b'Ingabo, Abayobozi mu nzego nkuru

zindi zose kandi zlyobora kandi zikuriye iki Gihugu cyacu; ubwo na bo ndagira ngo mbashimire ubwitange bwabo mu mirimo yabo.

Ndagira ngo mvuge ko ibibazo duhura na byo, duhanganye na byo, yewe ndetse cyane cyane harimo ikibazo mbona ari gitoya; ubundi mbona atari n'ikibazo; iki bavuga ko duhanganye n'abafaransa.
Ubundi ubwacyo ntabwo ari ikibazo, ahubwo ni ikintu kiduha uburyo bwo kwipima. Icyo mbivugura ni uko bene ibi bibazo ari nk'igipimo, ari nk'ikizamini tuba dukora. Icyateye ibi by'abafaransa kuba, ubwo ni icyapimaga aho duhagaze mu ngufu zo kwiyubaka.

Ndibwira ko atari ikibazo kinini. Ubwo kandi kizatuma tumenya aho duhagaze mu ngufu zo kwiyubaka. Na none, ibyo bikwiye kuba bitwongerera imbaraga, kugira ngo abo badupima bekubimenya bonyine, ahubwo habeho kugira ngo ubwacu tumenye aho duhagaze mu guhangana n'ibyo bibazo; kandi ndibwira ko aho tuzabimenyera, tuzasanga duhagaze neza, ku buryo tuzajya dutsinda ibyo bizamini byose bashaka kudushyiramo.

Nasabaga rero abayobozi bari hano, mu mihigo yose uko yumvukanye, ko dukwiye gukoresha imbaraga n'ubwenge bwacu, byose kandi dufite, biri mu bushobozi bwacu, tukanihuta, tukihuta mu nzira yo gukemura ibibazo duhanganye na byo mu nzira y'amajyambere.
Kwihuta ni ngombwa. Ba bandi bavuga ibya buhoro buhoro cyangwa ngo abantu barihuta, ntabwo ari byo, ahubwo turagenda buhoro buhoro. Kwihuta tugomba kwihuta. Ibyo nta n'uwo dukwiriye kubisaba cyangwa kubisabira imbabazi; kwihuta ni inshingano zacu dufite kugira ngo dukemure ibibazo bitwugarije; ahubwo ab'intege nke, tujye tubafasha, tujyane na bo, tubibumvishe, ntihagire uwo dusiga inyuma ariko byumvikane ko dukwiye kwihuta.

Ikindi nagira ngo mvuge kandi nsabe, n'uko iyi mihigo n'ubwo yakozwe n'Uturere na Perezida, irimo n'abandi bose batasinye; bamwe icyo twakoze ni ukubahagararira gusa. Ntabwo aba-

sinye ari bo bonyine bazasoza iyi mihigo; n'abandi bose bari hano batasinye, bari mu bazagomba gusoza iyi mihigo.

Mbese ndagira ngo n'abo muri Diaspora bumve ko bari muri iyi mihigo. Ahubwo bo ndetse dukwiriye gushaka uko tuzasinyana na bo, kugira ngo na bo bumve ko bakwiye kuba bafite imihigo, bakwiye kuba bafite intego y'ibyo bifuza kugeza ku Gihugu cyabo aho bari hose.Ubwo na bo ni nko kubatumira; ubwo rero ndabatumiye.

Kugira ngo ugere ku mihigo, imihigo ibe ikubiyemo ibintu byiza, ikintu cya ngombwa ni uguhozaho. Ntabwo ukora ibyiza rimwe ngo uvuge ko bihagije, ikindi gihe wumve ko uzagendera ku iby'igihe cyashize; ugomba guhora ukora ibyiza n'igihe ugezemo.
Ibyo rero bishaka imbaraga zihoraho, bishaka imyumvire ihoraho, bishaka kudatezuka.

Reka mbivuge mpereye ku bibazo nigeze kuvuga, jye simbona ko ari ibibazo bidasanzwe, cyangwa ari ibibazo by'igitanagaza cyane.Hari abaterwa ubwoba n'ibibazo: bati noneho turabikizwa n'iki? Bati abafaransa turabakizwa n'iki? abandi bakaza bati: buriya bagira inzika!

Mwe mubuzwa n'iki kugira inzika ariko? Inzika se? Inzika, uwashaka wese yayigira; Kandi jyewe inzika uko nyumva ni ukuvuga ngo icyiza nshaka gukora, nshaka kugeraho nzahora ngikora, nzahora nkigeraho; indi nzika ni ukuvuga ngo ikibi nshaka kurwanya, nzahora nkirwanya. None se wagera ute ku mihigo udafite intego yo kuvuga ko icyiza azahora ugishyigikiye, ikibi uzahora ukirwanya?

Niba ari ibyo, kubikora igihe kimwe ubundi ukabicumbikisha, aho ngaho birakugora; ni yo mpamvu guhangana n'ibibazo bishobora kuremera, bikarenga abantu bamwe na bamwe.
Ngira ngo u Rwanda aho rugeze, ibyo rwanyuzemo, ibyo rumaze kugeraho, ntirugihungabanywa n'ibije byose.
Tugomba gukomeza kurangwa n'uwo mutima wo gushaka guhora duharanira icyiza kigahoraho,tukarwara inzika y'ikibi n'uwashaka kukituzanamo.

Kurwara inzika rero, jye nta kibazo mbifiteho; ni ibintu buri wese ashatse yakora; uwarwara inzika ashaka kugirira nabi u Rwanda,nzamurwara inzika yo kumurwanya kandi ibyo nta gushidikanya.

Ibisigaye, reka ndeke kubatindira mbifurize Noheli nziza, mbifurize umwaka mwiza wa 2007 n'indi myaka myinshi yose izaza, muzayigiremo ubuzima bwiza.

Murakoze.

IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MINISITIRI W'INTEBE, MAKUZA BERNARD, MU NAMA YA KANE Y'IGIHUGU Y'UMUSHYIKIRANO.

Kimihurura, Ingoro y'Inteko Ishinga Amategeko, 18 Ukuboza 2006

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika;
Nyakubahwa Perezida wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite;
Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga;
Ba Nyakubahwa ba Minisitiri;
Ba Nyakubahwa Basenateri;
Ba Nyakubahwa ba Depite;
Banyacyubahiro, Batumirwa mwese muri hano;
Banyarwandakazi, Banyarwanda;

Mu Nama ya Gatatu y'Igihugu y'Umushyikirano, abayobozi ku nzego zinyuranye bunguranye ibitekerezo ku bibazo byinshi bijyanye n'ubuzima bwite bw'Igihugu, batanga inama ndetse n'amabwiriza mu bijyanye no:

- kwimakaza imiyoborere myiza n'ubutabera;
- kwita ku mibereho myiza y'abaturage;
- no gukomeza guteza imbere ubukungu.

Ibitekerezo byatanzwe byose icyo gihe byakubiwe mu myanzuro igera kuri 37.

Nkaba muri aka kanya, ngira ngo mbagezeho mu magambo avunaguye uko yashyizwe mu bikorwa.
Birumvikana ko mu mwanya nagenewe ntari bugaruke kuri buri mwanzuro, ahubwo ndabagezaho ibyakozwe nkurikije imirongo migari n'ibyiciro byayo kandi ni mwe n'abaturage bagiye babishyira mu bikorwa.

Uko buri mwanzuro wagiye ushyirwa mu bikorwa murabisanga mu buryo burambuye muri aka gatabo mwashyikirijwe.
Mu kubagezaho ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama

ya Gatatu y'Igihugu y'Umushyikirano, ndayishyira mu byiciro bine bihuye n'ingingo nkuru za Gahunda ya Guverinoma.

Bityo ndabagezaho
icyiciro cya 1 : Ishyirwa mu bikorwa ry'Imyanzuro iri mu rwego rw'Imiyoborere myiza;
icyiciro cya 2 :Ishyirwa mu bikorwa ry'Imyanzuro iri mu rwego rw'ubutabera;
icyiciro cya 3 :Ishyirwa mu bikorwa ry'Imyanzuro iri mu rwego rw'Imibereho myiza y'Abaturage;
icyiciro cya 4 :Ishyirwa mu bikorwa ry'Imyanzuro iri mu rwego rw'ubukungu.

ICYICIRO CYA MBERE: Uko imyanzuro yo mu rwego rw'Imiyoborere myiza yashyizwe mu bikorwa.

Inama ya Gatatu y'Igihugu y'Umushyikirano, yavuze kandi ifata imyanzuro ku byerekeye ivugururwa ry'inzego z'imitegekere y'Igihugu no kuziha ubushobozi buzifasha kurangiza inshingano zazo.

By'umwihariko hari hasabwe ko uburyo bwo kuyobora, kwakira no kurangiza ibibazo by'abagana inzego z'ubuyobozi byashyirwamo imbaraga zihagije kugira ngo abantu bajye bahabwa serivisi bakeneye kandi ku gihe.

Intambwe ya mbere (Reka mbyite intambwe kuko mu by'ukuri urebye imyanzuro hafi ya yose cyangwa myinshi ni imirongo y'ibigomba guhora byitabwaho utakwirara ngo birarangiye urafunze, ahubwo ni ibigomba guhora bikorwa bigatera imbere ariko na none bikagera ku ntera wavuga uti ntishobora gusubira inyuma.

Kubiha ingufu cyangwa bimwe bikagomba kubanza guhabwa uburyo n'inzira kugira ngo bizagerweho ubudasubira).
Ni muri urwo rwego :

Intambwe ya mbere yatewe yabaye gushyiraho uburyo bunoze bw'imikorere n'imikoranire y'inzego :

- Inzego z'imitegekere y'Igihugu zaravuguruwe

hashyirwaho imiterere mishya y'Intara, Uturere, Imirenge, Utugari, hashyirwaho n'urwego rushya rw'Umudugudu ;

- Igikorwa cyo kuvugurura inzego z'imirimo cyarakomeje. Minisiteri zasigaranye inshingano zo kugena politiki no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryazo ;
- Muri izo nzego hatowe abayobozi, hashyizwemo n' abakozi bafite ubushobozi buhuye n'inshingano zabo, ndetse bamwe mu bakozi bari aba za Minisiteri boherezwa mu Turere no mu Mirenge kunganira izo nzego; mu gihe kitari kirekire, ikigaragara ni ubushake bafite bwo kugira icyo bahindura mu iterambere ;
- Serivisi abaturage bakenera zatangirwaga ku Karere ubu zajyanywe ku rwego rw'Umurenge, Akagari nako kakaba karahawe umukozi uhoraho ufasha cyane abaturage mu mirimo igomba kurangirira kuri urwo rwego ;

Intambwe ya kabiri yabaye guha izo nzego ubushobozi no kuzifasha gukora :

- Abayobozi bashya batowe mu ntangiriro z'uyu mwaka, abakozi b'Uturere n'ab'Imirenge bahawe amahugurwa agamije :
  - kubongerera ubushobozi muri rusange,
  - amahugurwa mu igenamigambi.
  - ndetse no mu bijyanye n'imikorere n'imikoranire y'inzego (inductions courses);
- Ku itariki ya 04/04/2006 hasinywe amasezerano y'imihigo hagati ya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n'Abayobozi b'Uturere.

  Iyo mihigo y'Uturere ikaba ari uburyo bwo kwiha intego, urebye aho uva n'aho ugana kandi ishingiye ku bipimo fatizo (indicators) by'amajyambere y'Igihugu. Buri mezi atatu hakorwa igenzura ry'uko iyo mihigo igenda ishyirwa mu bikorwa.

  Ubu buryo bwo guhiga bumaze kuba uruhererekane, ku buryo ubu bugeze ku rwego rw'Umudugudu ;
- Habayeho kunoza imikoranire ya za Minisiteri n'Uturere mu ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo n'indi mishinga igamije gutsura amajyambere y'icyaro. Bityo amafaranga yagenewe za Minisiteri mu ngengo y'imari ya Leta ku bikorwa byashinzwe Uturere atangira koherezwa mu

Turere ;

- Inkunga Leta igenera Uturere ikaba igiye kongerwa ive kuri 3% ishyirwe kuri 5% by'ingengo y'imari ;
  Intambwe ya gatatu, ari nayo igaragaza by'ukuri kimwe mu by'ingenzi bigamijwe muri ibi byose bijyanye n'ivugurura ryakozwe, ni uguha abaturage serivisi nziza.
  Muri urwo rwego, hari ibyatangiye kuvugururwa no kugeragezwa mu nzego zitandukanye, ariko bikaba bikwiye gukomeza kwibutswa abayobozi n'abakozi bose kugira ngo kwakira neza abatugana no kurangiza ibibazo byabo bibe umuco koko uranga inzego z'imirimo z'Igihugu cyacu: atari uguhererekanya ikibazo runaka, bikaba ngombwa ko kigera ku nzego zo hejuru cyashoboraga kugira aho kirangirira ntihabeho gusiragira.

Niyo mpamvu:

- Muri buri Serivisi ya Leta hashyizweho umukozi wo kuyobora akanafasha abashyitsi, ari byo hamwe na hamwe bita "guichet unique" ;
- Mu nzego zimwe na zimwe nk'urw'ubuvuzi, hatangiye uburyo bwo gukurikirana abakozi mu bijyanye no gutanga serivisi nziza ku buryo buri mukozi, hakurikijwe inshingano ze, agira ibipimo byifashishwa mu gihe hagiye gukorwa isuzuma (approche contractuelle).
  Harakorwa ibishoboka kugira ngo ubu buryo buzakwire kandi bukurikizwe mu nzego zose;
- Ubu mu nzego z'ubuyobozi hatangijwe « Public Accountability Day », buri gihembwe abaturage bagasobanurirwa ibyakozwe nabo bakabaza ibyo bifuza. Tubona ari umuco ugomba gusakazwa kuko ushimangira ihame rya demokarasi ko ubutegetsi ari ubwabo kandi nibo bubereyeho.
- Mu rwego rwo kugabanya inama abayobozi batumirwamo no kunoza ingengabihe zazo, amabwiriza yatanzwe na Minisitiri w'Intebe agena imitegurire n'imikorere y'inama n'amahugurwa mu Gihugu.
  Impamvu ni uko izo nama n'amahugurwa byajyaga bifata umwanya munini wa benshi mu bayobozi, cyane cyane ku nzego z'ibanze, bigatuma batabona igihe cyo

kwita bihagije ku bibazo by'abaturage no gushyira mu bikorwa ibyo biyemeje kugeraho.

- Hashyizweho kandi Inama Ngishwanama mu Miyoborere y'Igihugu (Rwanda Governance Advisory Council/Conseil Consultatif sur la Gouvernance au Rwanda).

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

ICYICIRO CYA 2 cy'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro kibijyanye n'urwego rw'Ubutabera :

Nk'uko mubyibuka, mu Nama ya Gatatu y'Igihugu y'Umushyikirano hari hifujwe ko hashyirwa imbaraga n'umurego mu mikorere y'Inkiko Gacaca, ububasha bwazo n'uruhare rwazo mu guca imanza za jenoside bikarushaho kugaragara no kubahirizwa na buri wese.
Nta gushidikanya ko intera Gacaca igezeho ishimishije ku buryo intego twihaye ari uko mu gihe cy'umwaka cyangwa umwaka n'igice,(mu mpera za 2007), imanza zose zakagombye kuba zirangira.

Iyo ntego n'icyizere bishingiye ku buryo tubona zitabirwa, ku mikorere yazo no ku bushake bw'ubuyobozi bw'Igihugu mu gukosora ahakiri ibibazo.
Ni muri urwo rwego :

- Umushinga w'Itegeko Ngenga rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga n0 16/2004 ryo ku wa 19/06/2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'Inkiko Gacaca wemejwe n'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 26/07/2006, ushyikirizwa Inteko Ishinga Amategeko. Iryo vugurura rigamije kunoza no kwihutisha gahunda y'Inkiko Gacaca;
- Abaturage bakanguriwe kwitabira Gacaca no gutanga ubuhamya hakoreshejwe itangazamakuru, ibiganiro mbwirwaruhame n'inama zinyuranye;
- Ku bufatanye bw'Inzego z'Ibanze, hakozwe amahugurwa y'inyangamugayo n'abahuzabikorwa b'Inkiko Gacaca;
- Inyangamugayo zagaragayeho kubogama, Izikekwaho kugira uruhare muri jenoside cyangwa indi mikorere mibi zarasimbuwe.

Mu rwego rw'ubutabera kandi, ikibazo cy'umutekano n'imibereho myiza y'abacitse ku icumu n'abatangabuhamya cyagarutsweho .

Ni byo koko hari ibyakozwe, ariko mu gihe hakiri intagondwa zikivutsa bamwe ubuzima bwabo, nk'ibiherutse vuba aha, bazira uko bavutse, hakwiye imbaraga nyinshi no kumva ko ari ikibazo kitureba twese, kugira ngo ibimaze kugerwaho byubakirweho ibindi byafasha gukemura burundu icyo kibazo.

Muri iyi nama ya Kane tuzanabigarukaho nkurikije gahunda iteganijwe .Ariko ubu:

- Hari Inama ihuza inzego zose zirebwa n'ibibazo by'abacitse ku icumu iyoborwa na Minisitiri w'Intebe. Abagize iyo nama bigabanijemo amatsinda 3 akurikirana ibibazo by'umutekano, ibijyanye n'imibereho myiza (amacumbi, kwiga , kwivuza n'inkunga z'ingoboka) n'iby'ubutabera ;
- Hakomeje gukoreshwa ibiganiro ku nzego zose z'Igihugu mu rwego rw'ubukangurambaga, ibiganiro ku maradiyo na televiziyo byose bigamije gukangurira abaturage kwicungira umutekano (community policing), by'umwihariko uw'abacitse ku icumu n'abatangabuhamya;
- Mu rwego rw'ubushinjacyaha: hashyizweho serivisi ishinzwe kurengera abacitse ku icumu n'abatangabuhamya bahohoterwa (protection des victimes et des témoins/ protection of victims and witnesses);
- No kurwego rwa Polisi hashyizweho uburyo bwo gushobora kumenya (mapping) abashobora guhohoterwa.

Ibyo ni byo twakwita ingamba zo gukumira (prevention) ariko no mu rwego rwo gukurikirana no guhana umuntu yavuga bi bikurikira :

- Abahungabanya umutekano w'abacitse ku icumu, abatangabuhamya ndetse n'uw'inyangamugayo za Gacaca bakurikiranwa n'inzego z'umutekano, ubutabera imanza zabo zikihutishwa. Kugeza mu mpera z'Ugushyingo hari amadosiye agera kuri 611 yakozwe na Polisi na Parike; muri yo agera kuri 320 yashyikirijwe Inkiko, 155 akaba yaramaze kuburanishwa;
- Ku bijyanye n'imibereho myiza y'abacitse ku icumu,

MINALOC yatangiye ibarura ifatanyije n'Inzego z'Ibanze n' Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare (N. I. Stat.) ; Uturere 27 tumaze gutanga imibare ikinonosorwa, 3 ntiturayitanga. Ibyo biri mu bizadufasha kunononsora iki gikorwa cyo kwita ku basizwe iheruheru na jenoside, hakorwa igenamigambi nyaryo rishingiye ku mibare nyayo y'abagomba gufashwa ari mu bijyanye n'amacumbi, uburezi, ubuvuzi n'Inkunga z'ingoboka ;

- Amafaranga yatanzwe muri rusange muri ibyo bikorwa byo gufasha abacitse ku icumu mu mwaka wa 2006 agera kuri 9 094 004 264 Frw, mu 2007 hateganyijwe ko ziyongera akagera ku Frw 13 183 046 049 ; ni ukuvuga hafi inyongera ya 45%.
  Uko yasaranganyijwe muri za gahunda FARG ifashamo, murabisanga muri raporo (p.15); amacumbi ni 1.104.569.386; Uburezi ni 6.841.742.668 ;Ubuvuzi ni 774.830.920 ; inkunga z'ingoboka ni 372.861.290.

Mu nama iheruka kandi, hari hifujwe ko ikibazo cy'ihohoterwa rikorerwa abana n'abagore cyavugutirwa umuti usharira.Muri urwo rwego hakozwe ibi bikurikira:

- Mu Turere, mu Mirenge no mu Tugari hashyizweho komite zo kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana n'abagore;
- Mu kwezi kwa Kamena 2006 hakozwe gahunda yihuse "crash program" yo gucira imanza abahohoteye abana n'abafashe abagore ku ngufu. Ku manza 1000 zari ziteganyijwe haciwe imanza 396, 290 ziratangira. Zimwe mu ngorane zagaragaye muri icyo gikorwa ni uko amadosiye y'izo manza, rimwe na rimwe yabaga atujujwe uko bikwiye:ibimenyetso bisibangana cyangwa hakabura bura ibyemezo by'abaganga (autopsie);
- Hashyizwe kuri buri station ya Polisi umupolisi w'umugenzacyaha ushinzwe gukurikirana icyo cyaha ;
- Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite, yatangije umushinga w'itegeko rirwanya ihohoterwa rikorerwa abana n'abagore;
- Harategurwa politiki n'ingamba byihariye byo kurwanya ihohoterwa ry'abana n'abagore.

N'ubwo hari byinshi byakozwe kandi byasabye imbaraga

nyinshi mu gukoma imbere abo bagizi ba nabi, icyaha cyo gufata abagore n'abana ku ngufu ni cyo gikomeza kuza ku isonga ku rutonde rw'ibyaha biteza umutekano muke mu Gihugu.

Nyakubahwa Perezida,
Banyacyubahiro muri hano,

ICYICIRO CYA 3 ni ikirebana n' imyanzuro yerekeye urwego rw'imibereho myiza.

Mu Nama y'Igihugu ya Gatatu y'Umushyikirano, abari mu nama bifuje ko ibibazo birebana n'isuku byafatirwa ingamba zihamye. Ibyaganiriweho byibanze ku muco wo gusangirira ku miheha, isuku ku mubiri, mu ngo, kugira ubwiherero, isuku mu mahoteri n'amaresitora n'ahandi hose abantu bahurira ari benshi.

Muri urwo rwego :

- Abayobozi babishinzwe basuye amahoteri yo mu mujyi wa Kigali no mu Ntara, amaresitora, ibigo by'amashuri makuru n'ayisumbuye, ibigo bitunganya ibiribwa n'ibinyobwa hagamijwe kugenzura no kubakangurira isuku ;
- Hatanzwe amabwiriza y'isuku asobanurira Abanyarwanda kugira isuku, mu buryo bw'inama, ibiganiro n'amatangazo yanyujijwe ku maradiyo;
- Hatangajwe agatabo k'imfashanyigisho ku isuku n'isukura kagenewe abayobozi n'abarimu;
- Gahunda y'isuku yashyizwe mu mihigo ku buryo umuco wo gusangira ku muheha ugenda ugabanuka (nturacika), nk'uko umuco wo kwambara inkweto ugenda ukwira kurushaho ku buryo bugaragara;
- Hatangijwe gahunda yo kubaka imisarani (ECOSSAN) ku mihanda ihuza Intara;
- Amashuri abanza n'ayisumbuye yahawe amabwiriza arebana n'isuku;
- Hasuwe amashuri yose yisumbuye hagamijwe kureba isuku muri ibyo bigo ;

- Hakoreshejwe amarushanwa y'isuku mu bigo by'amashuri abanza n'ayisumbuye kugira ngo umuco w'isuku urusheho gucengera no gutozwa urubyiruko.

Icyo umuntu yavuga ni uko hamwe na hamwe nko mu Mujyi wa Kigali, bimaze kugaragara ko hari ibyahindutse koko. Ariko na none haracyari ibindi bigikeneye kwitabwaho, kuko mu by'ukuri, guhindura imico imwe n'imwe bisaba igihe. Hari ubwo biterwa no:
- kutagira ibipimo bizwi,
- kuregeza (kw'ubuyobozi) cyangwa se,
- kutumva ibyifuzo by'abaturage.

Ariko hari ibitari bikwiye gutegereza igihe icyo aricyo cyose kuko isuku idashingiye byanze bikunze ku bukire, ku mutungo, nk'uko bamwe babyibwira cyangwa ngo bitegereze inkunga y'amahanga nk'uko, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, mukunze kubigaragaza.

Ibyo ari byo byose umuntu abona ko abantu batangiye kumenya akamaro k'isuku ndetse n'igikwiye kwitabwaho. Ubukangurambaga bukaba bukwiye gukomeza gukaza umurego, cyane cyane mu mashuri, mu masoko, mu tubari n'ahandi hahurira abantu benshi.

ICYICIRO CYA 4

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

Icyiciro cya 4 kirareba imyanzuro yerekeye n'urwego rw'ubukungu.

Mu myanzuro y'Inama iheruka, hari hifujwe ko Leta yasakaza mu Gihugu kandi ikarushaho kunoza gahunda, bishingiye ku igenamigambi mu kurwanya ubukene, gushora imari mu cyaro no korohereza abaturage mu bijyanye no kongera umusaruro.
Hifujwe ko imikorere y'imishinga yavugururwa kugira ngo igire uruhare nyarwo mu iterambere.
Abari mu Nama ya Gatatu y'Igihugu y'Umushyikirano, bari

basanze ibikorwa byo gufata neza ubutaka no kurengera ibidukikije bikwiye guhagurukirwa kurushaho, kuko ahanini ari byo shingiro ry'ubukungu bw'Umunyarwanda.
Dore bimwe mu bimaze kugerwaho :
Mu rwego rw'igenamigambi :

- Buri minisiteri igaragaza buri mwaka gahunda y'ibikorwa ; ikagena gahunda y'ibikorwa byihutirwa, ikabyumvikanaho na Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi kugira ngo izahabwe amafaranga yo kubishyira mu bikorwa mu ngengo y'imari ya Leta ;
- Hakozwe isuzumabikorwa rya gahunda ya mbere yo kurwanya ubukene (PRSP 1). Ibibazo byagaragaye byitaweho mu gutegura ingengo y'imari ya 2007, biduha kandi inzira yo gutegura gahunda ya kabiri « EDPRS » (Economic Development and Poverty Reduction Strategy).
  Muri iyo gahunda izatangira gushyirwa mu bikorwa muri Werurwe 2007, kurwanya ubukene bizaba bishingiye ku kuzamura ubukungu bw'Igihugu.

Ibyakozwe mu rwego rwo gucunga neza umutungo n'imari bya Leta:

- Hagiyeho Itegeko Ngenga rijyanye n'imari n'umutungo bya Leta rigamije :
  - gushyiraho amahame n'uburyo bwo kunoza imicungire y'ingengo y'imari n'umutungo n'andi mafaranga ya Leta mu byerekeye igenamigambi,
  - gutegura ingengo y'imari,
  - kugenera inzego n'ibigo imari bizakoresha hakurikijwe ingamba n'amikoro y'Igihugu,
  - gukurikirana imikoreshereze yayo,
  - kubikorera raporo no kubikosora bibaye ngombwa
- Hateguwe kandi amabwiriza yerekeye imicungire y'imari ya Leta ;
- Ubu harategurwa igitabo cy'amabwiriza y'ibaruramari rya Leta ;
- Hatangiye gahunda yo kongerera ubumenyi ababaruramari bo mu nzego za Leta ;
- Hemejwe gahunda yo kuvugurura no guteza imbere urwego rw'imari n'amabanki (Financial Sector

Development Plan). Iyo gahunda izatangira gushyirwa mu bikorwa umwaka utaha;

- Abakozi bashinzwe amasoko mu nzego za Leta barahuguwe, hategurwa n'umushinga w'Itegeko rigena itangwa ry'amasoko ya Leta, ukaba usuzumwa mu Nteko Ishinga Amategeko.

Ibyakozwe mu rwego rwo kuzigama no guteza imbere imari iciriritse:

- Mu rwego rwo guca akajagari no gutunganya imikorere:
  - hashyizweho politiki no gutegura amategeko agenga urwo rwego,
  - hateguwe amategeko agenga urwo rwego,
  - habayeho gukurikirana umutungo no kurenganura abari barabikije amafaranga yabo mu bigo byagaragayemo imicungire mibi:
  - 8 byarafunzwe,
  - Leta itanga 1.5 Milliard yo kwishyura ababikije,
  - Hashyiweho ikigega UMWARIMU SACCO – Leta yashyizemo Miliyari 1 FRW,
  - CSS (Credit and Saving Scheme) yakomeje kugenerwa Miliyari 1.5 FRW.

Ibyakozwe mu bijyanye n'imikorere y'imishinga ya Leta:

- Minisiteri zose zahawe amabwiriza yo gukurikiranira hafi imishinga izishamikiyeho no kujya zitanga buri gihembwe raporo y'imikorere yayo;
- Hashyizweho uburyo bwo kumenya imikorere y'imishinga (Monitoring & Evaluation system), hakagaragazwa uko amafaranga agenda akoreshwa n'ibigerwaho;
- Kugira ngo ibikorwa by'imishinga bizarambe, muri za Komite zikurikirana imikorere y'imishinga (Comité de pilotage/steering committee), hashyirwamo nibura umuntu umwe uhagarariye abo ibikorwa by'umushinga bigenewe (bénéficiaires/beneficiaries), kugira ngo ajye abagezaho uko umushinga uhagaze, kandi nawe ageze kuri Komite uko abaturage ahagarariye babibona ;
- Hashyizweho «Joint Action Forum » ku Turere twose,

Intara n'Umujyi wa Kigali ihuza abafite uruhare mu bikorwa byose by'iterambere, ifasha gukurikirana no guhuriza hamwe ibikorwa.

Nk'uko byasabwe mu nama y'ubushize, Abanyarwanda n'abashoramari bakomeje gukangurirwa kwiyambaza ibigega by'ingwate Leta yashyizeho, bishinzwe korohereza abaturage kubona inguzanyo zo gushora mu mishinga yabo, cyane cyane mu cyaro.

- Inguzanyo zatanzwe n'Ikigega RIF (Rural Infrastructure Financing Facility) cya RSSP muri uyu mwaka ziyongereyeho amafaranga asaga 30% (imibare iri muri rapport).
- Ikigega gishinzwe gutanga ingwate ku nguzanyo zigenewe ubuhinzi n'ubworozi (Facilité de Garantie Agricole/Agricultural Guarantee Facility), kugeza mu mpera z'Ugushyingo 2006, ikigega cyari kimaze gutanga ingwate ku mishinga ifite agaciro kangana na Frw 3.198.120.595;
- BRD na STABEX nabyo byakomeje gutanga inguzanyo ku mishinga yo guteza imbere ibicuruzwa bikomoka ku buhinzi n'ubworozi, byoherezwa ku masoko mpuzamahanga; BRD imaze gutanga inguzanyo muri urwo rwego zirenga miliyari 5.5 ya Frw; STABEX yafunguye credit line muri BRD ingana na Frw 335.000.000 yo gufasha amakoperative y'ikawa.

Ibyakozwe mu byerekeye amajyambere y'icyaro:
Gahunda y'Umuganda yihaye agaciro ko kujya igena agaciro k'ibikorwa. Hari umushinga w'itegeko uri mu Nteko, hashyizweho na Komite mu rwego rw'igihugu.

- Agaciro k'ibikorwa by'Umuganda muri uyu mwaka kageze ku mafaranga arenga gato miliyari 2. Ibi biragaragaza ko umuganda umaze kumenyerwa nka bumwe mu buryo bwo kwiyubakira igihugu cyacu no kwikemurira ibibazo dukoresheje imbaraga zacu bwite.
  Kugira ngo umusaruro uva muri icyo gikorwa wiyongere, birasaba ko cyakomeza gutegurwa neza no kwitabirwa cyane mu mijyi;
- Ibikorwa byakozwe muri gahunda y'Ubudehe uyu mwaka

bifite agaciro gakabakaba miliyari 7 , ku buryo buri Kagari (ka mbere y'ivugurura) kabonye Frw 700 000 yafashije abaturage mu mishinga yoroheje yo kurwanya ubukene;

- Haguzwe imashini 50 zibumba amatafari zo mu bwoko bwa Hydraform zihabwa ingabo na polisi by'Igihugu kugira ngo bazikoreshe kandi berekere n'abaturage uburyo bwo kuzikoresha;
  Muri uru rwego sinabura no kuvuga ku kibazo cy'ubumenyi n'ubushobozi bwo gufata amazi y'imvura, bigaragara ko bikiri hasi cyane ku muturage w'Umunyarwanda. Bivuze ko naho hagikenewemo ingufu nyinshi.

Ibyakozwe mu bijyanye no gufata neza ubutaka no kurengera ibidukikije:

Bimaze kugaragara ko amaterasi y'indinganire ashobora kuba igisubizo ku bibazo dufite.
Mu byakozwe harimo:

- Ubu hatangijwe gahunda yo gukora amaterasi y'indinganire kuri ha 3000, ikazafasha kurwanya isuri, kongera umusaruro no kubonera abaturage bo mu cyaro imirimo;
- Buri Karere kahawe inkunga yo gukora amaterasi y'indinganire nibura kuri ha 100;
- Miliyoni 90 za Frw zasaranganyijwe Uturere twose zikoreshwa mu kugura ibikoresho byo kurwanya isuri no gukorera amashyamba;
- Miliyoni 180 za Frw zasaranganyijwe Uturere twose zikoreshwa mu guhemba abakozi bo kwita ku ngemwe z'ibiti muri za pepiniyeri;
- Mu rwego rwa HIMO hacukuwe imirwanyasuri kuri ha 1 236, haterwaho urubingo n'ibiti bigaburirwa amatungo, haterwa amashyamba (ibiti 3 221 000) kuri ha 1185 na km 478 ku duhanda tunyuranye mu Karere ka Bugesera.
  Miliyoni 50 z'ingemwe zarateguwe, muri gahunda yihariye y'icyumweru cy'ibiti hatewe miliyoni 33, izindi ngemwe zari zitarageza igihe zikaba zaragombaga guterwa kugeza muri uku kwezi.

- Mu rwego rwo kongera amashyamba, serivisi za Leta n'ibigo byagenewe ubutaka bwo guteraho amashyamba kandi zikayakurikirana.Buri Karere gasabwa gutera ± 30 ha, buri Murenge ± 5 ha, buri Kagari n'ishuri ± 2 ha.
  Ibyakozwe mu gufata neza ubutaka no kurengera ibidukikije biradushushanyiriza icyerekezo cyiza turimo, ariko ibisigaye gukorwa bikaba ari byinshi kuko ari igikorwa koko gisaba imbaraga n'ubushobozi, ariko cyane cyane no gukurikirana ibyakozwe ngo bitangirika.
  Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

Ba Nyakubahwa muteraniye hano,
Banyarwandakazi, Banyarwanda,

Ngiyo incamake y'ibyakozwe bijyanye n'imyanzuro y'Inama ya Gatatu y'Igihugu y'Umushyikirano.
Muri rusange biragaragara ko hari ibyakozwe ku buryo bushimishije, ariko kandi haracyari n'ibindi bigikeneye gushyirwamo imbaraga.

Mu mwanya nk'uyu ntawabura kwishimira ibyagezweho kimwe no gushimira abagaragaje umwete n'uruhare rugaragara mu bikorwa byavuze. Abazaririye nabo barasabwa kwikubita agashyi.

Iri rero si iherezo ry'urugendo, kuko hakiri n'ibyo tugomba gukomeza gushakira ibisubizo bikwiye, ndetse nkaba nizera ko iyi nama izatubera inkunga ikomeye muri gahunda z'ibikorwa zo mu cyerekezo cyacu 2020

MURAKOZE